# UBUTUMWA BWIZA MU NAMA Y'IMINEAPOLISI(1888)

## 1.INCAMAKE KU MATEKA Y'INAMA Y'iMINEAPOLIS

Mineapolisi ni Muri USA(CALFORNIE) Aho niho haberey'inama itazwi na benshi  mumateka y'abadivantisite;ibyo ni kubw'umugambi w'umwanzi ngo icyo Imana ishakako abantu bamenya kigume kuba ubwiru!
Hari mu kinyejana cya 19;hagati nibwo hadutse inyigisho y'abagabamo ibice Agakiza(les Dispensionalistes); bavugako mu isezerano ryakera wakiranukaga kubwo gukomeza amategeko;naho  ubu Yesu aka yarabivanyeho tukaba dukizwa kubw'ubuntu gusa!!BIROROSHE CYANE SINKA KERA!
Nkitorero inyisho yahagurukije ubuyobozi burayirwanya cyane; kuko niryo ryavugagako rikomeza amategeko y'Imana uko ari 10; noneho n'ukuri kw'Isabato kwari kumaze igihe gito kuvumbuwe;ubwo rero ingamba zo kurwanya aba dispensionaliste zashizweho muburyo butajenjetse. Ubwo mu matorero hose twangiye kwigisha akamaro k'amategeko n'uburyo atavuyeho kandi atazavaho n'akanyuguti nakamwe(Mat5:17-18).Ubwo buryo bwatumye amateko avugwa cyane kuburyo twatangiye kubatiza abantu bazi gutondagura amategeko yose mumutwe badasobwa;kandi barahiye mu izina ry'ubutatu ko bazagumya kuyakomeza yose

n'iryisabato ririmo! Mubinyamakuru byinshi byi'itorero amategeko yarererejwe, Uhagarariye icapiro ry'Abadivantisite  (Mucya1879) ,URIAH SMITH nawe yahise asohora inyandiko zama paje 336;ngo afashe itorero gusubiza amategeko agaciro kayo. Abapasitoro bazigeza hose ;ndetse bamamaza hose ko amategeko agomba gukomezwa n'abashaka kujya mw'ijuru. Aba Dispensionaliste nabo bakomeje gushishikazwa n'inyigisho yabo kuburyo butajenjetse.Bifashishaga Abaroma7:4,6,Gal 3:23-25. mukugumya guhangana n'abantu twaregaga jugoreka ukuri, Twahisemo kwiregura kubyo baturegaga ngo: tugumya kwigisha amategeko ya Kiyuda kandi yarabambwe kumusaraba(kol .2:14), kubwibyo twahise tu
gabanyamo amategeko ibice 2 kugirango tubavuguruze:

1.AMATEGEKO Y'IMIHANGO,
2.N'ATEGEKO10 YANDITSWE N'URUTOKE RW'IMANA; IKAYAHA MOSE KUMUSOZI WA SINAYI.
Noneho itorero rigwa mumutego wo kwigisha ko Yesu amategeko ya bambye kumusaraba cyangwa yavanyeho aray'imihango(kol .2:14) naho amategeko 10 yo ngo ahoraho;agomba gukomezwa muburyo bumaramaje.
SATANI ntiyahagurukije  aba Dispensionalistes akina , yaragendereye kugoreka agakiza Imana yatanze;

doreko itorero Imana yari yahagurukije mu cya 1884,ngo risane ubuturo bwera bwashenywe n’agahembe gato(Dan8:9-14);aribyo bivuze kwerereza Yesu wenyine we mizero y’umunyabyaha;wabatsindishirije kandi akabunga n’Imana muburyo bwuzuye(Col 2:10,2kor5:14-21),ryahise rivangirwa ritangira kwigisha abantu gukomeza amategeko,doreko abantu benshi baziko bishoboka ko akomezwa n’umunyabyaha wangiritse gutya; icyakora ntibishoboka(Gal3:10;5:4-5;2:21) ,

naho Imana yagufasha;doreko itakora iryo kosa;( nkuko abantu bamwe bavuga) ntiwayakomeza kuko amategeko n’icyo Iman’iricyo, ushaka kuyakomeza muri kamereye bimusaba kwiyambura uyu mubiri w’icyaha(Rom7) cyangwa se akaba atarakomotse kuri Adamu waguye, kuko ibyo bidashoboka rero,uburyo bw’uzuye umuntu yemererwamo;kandi buzira amakemwa; ndetse ari nabwo Bibiliya yita gukomeza amategeko ni ukuba muri kristo Yesu(1kor1:30),aribyo bivuzeko umwizera ar’ukomeza amategeko yose ;muri Kristo YESU; UWO BIBILIYA IHAMYAKO AFIT’UBUGINGO BW’ITEKA(Yoh5:24),NDETSE UWO NTAKORA ICYAHA(1yoh3:6-9), DOREKO IJURU RIGOMBA KUGIBWAMO N’ABERA BATIGEZE KANDI BADAFITE AKAZINGA NA KAMWE,NKUKO AMATEGEKO ABISABA;IMANA ISHIMWE, IBI BISHOBOKA MURI

KRISTO GUSA!
Icyo imana yari  yahagurukirije abadivantisite n’ukuvuga icyo,icyakora tugihaguruka turatoberwa. ELLEN G.WHITE ;Mu nyandikoye yakoreshejwe n’umwuka maze akebura itorero avuga ko tugomba kwigisha kristo mumategeko;ndetse yanavuze ubutumwa bukwiye kwigishwa ubwo aribwo nkuko tubisoma mubitabo bye:
Mu1980 yaranditse ati: twebwe…twigishije byinshi kumategeko;kugeza ubwo imitima yuma nk’imisozi y’igilboa,itarangwa n’imvura cyangwa urume,dukwiye kubwiriza Kristo munyigisho zacu z’amategeko.(Review§Herald,March11,1890)…

Mubihe bimeze gutyo,umwe mubapasitoro bacu witwaga  Dr .waggoner; yar’umwe  mubandikaga utunyamakuru tw’ivugabutumwa(The Missionary Magazine), yanditse akanyamakuru kavuga kugitabo cy’abagalatiya,ageze mugice cya gatatu(3:10);avugako amategeko ahavugwa ar’amategeko10;muncamake yavuzeko ntawayakomeza mumbaraga za kimuntu;ubigerageza aciriweho iteka!
Abantu benshi basoma ayo magambo babaza ubuyobozi ngo kuki muducanga? Mwavuzeko amategeko 10 atabambwe ku musaraba; ko habambwe ay’imihango; none umwe murimwe

yabihinduye kuki? Ubwo byagaragaye ko ibyo aba Dispensionalistes bavuga bishatse byanababyo.
Ibi byateye impaka nyinshi kuburyo waggoner yahamagawe kenshi n'ubuyobozi bw'itorero abazwa icyo yabikoreye;ndetse agasabwa kwikosora icyakora ;yarabyangaga ahubwo akarushaho gusobanura ukuri kw'icyo amategeko ,aricyo ;ahabanije n'imyumvire yitorero muri icyo gihe.
Izi mpaka zatumye hatumizwa inama n'ubuyobozi bwa Generali conferansi
(mu cya 1886); kugirango ibibibazo byakuruwe na waggoner bifatirwe umwanzuro.
Inama yarangiye nta mwanzuro; kuko waggoner yerekanye uburyo itorero rigomba kurekeraho kugoreka amategeko n'umugambi Imana yari ifite iyatanga;yerekanako umuntu atakomeza amategeko;impaka ziba nyinshi kuburyo umwanzuro wabuze muri iyo nama yo mu 1886.
Ahagana mucya 1886-1888;hariho impaka nyinshi bamwe bemera ibyo Waggonner avuga abandi babihakana; muri iyo myaka ;President wa Generali conferansi,


BUTLER; Yanditse igitabo kivuguruza ibyo Waggoner yigisha muburyo bwemeza abagisoma. Icyo gitabo cyoherejwe buri Mupasitoro wese n'intumwa zose za G.C;Waggoner icye kimugezeho; yararambiwe impaka ;aricecekera;ahubwo ahitamo kwandikira Umuyobozi

ibaruwa kugiti ,yerekeye igitabo cy'abagalatiya ; amwereka uburyo yibeshe;akab'atumye abantu bagirira icyizere gike Ukuri.
Inama yindi yokuvuga kuri iki kibazo yateganijwe mu 1888,Yagombaga kubera Imineapolis(CALFONIA, IN USA) ,Nyamara igihe yari kubera  cyageze BUTLER arwaye;bituma yohereza uwo kumuhagararira; uwo ni MORRISON.
Ummunsi w'inama ,abatumiwe bose bari bategerejwe, icyakora buri wese yazaga aziko bagiye guhangana n'agatsinda kiyaduye; k'abagizi banabi(A conspiracy).
MORRISON , nk'uhagarariye umuyobozi yahageze kare; hari ikibaho imbere yandikaho Munyuguti nini Ati:AMATEGEKO AVUGWA MUBA GALATIYA; N'AMATEGEKO Y'IMIHANGO!
Uje munama wese yabonaga ayo magambo;akumvako bagiye kubyemeza Waggoner n'abari mumyumvireye nka ba JONES NA WILLY WHITE( Intumwa z'ikalfornia)
WAGONER NTIYITA KURI IYO NYANDIKO AHUBWO AKOMEZA KUVUGA NGO :NZIGISHA KRISTO MUMATEGEKO.

## 2.IMIBEREHO Y'ABATUMYE IYI NAMA ITUMIZWA

## a. Dr. ELLET J. WAGGONER

Uyu yari umupasitoro w'umusore;yari afite imyaka 33;yari mugufi,kandi agakunda gucisha make cyane munvugoye ;yitonze kandi atuje.
Mumvugoye ;yakundaga kuvugana ubwitonzi ;kandi agakurikiranya ingingoze muburyo bunoze kuburyo uwa mukuriranaga ubwitonzi yabashaga kumva ibyo yavugaga;KRISTO GUKIRANUKA KWACU(Yer23:6)






### b. Alonzo T. Jones

Uyu nawe yari umusore w'imyaka 38; ntamashuri ahanitse yigeze yiga,icyakora ibyagakiza kuko ntaho bihuriye no kwiga cyane yagaragaye imbere ya Sena ya Amerika iwashingtoni asobanura muburyo bw'ubuhanga ibibazo bigera ku1000 byerekeye Itorero ry'aba divantisite ubwo hariho hategurwa umushinga wa Dimanche muri USA.Mbere yiyi nama we na Waggoner bari bamwe mu banditsi b'ibimenyetso by'ibihe(SIGNS OF THE TIMES) Na American sentinel.
Yari umusore ushabutse;uvugana ubuhanga n'ubwenge,kandi w'umwuka.ntabwo yacishaga make nka wagggoner; ahubwo yavugaga nka petero umugereranije naYohana bakoranaga;cyangwa nka Luther umugereranije na Melanchtone, muri aba bose umwe yabaga acisha make undi agendera mumarere kuburyo kubw'umugambi w'Imana bose bunganiranaga.

### C.ELLEN G.white:

Uyu nkintumwa y'Imana yemewe n'itorero;yagize uruhare cyane mugutuma ibyavugiwe Mineapolis bivugwa; kuko iyo ataza guhamyako aba basore batumwe n'ijuru ntibari guhabwa umwanya wo kuvuga nagato;ukurije Linete bareberwagamo n'ubuyobozi bukuru bw'itorero. Yarafite imyaka 61; kuburyo bamwe mubarwanije gukiranuka kwa Yesu kwigishijwe mu nama;bamuneguye ngo nubwo yari umuhanuzi kazi; ngo yaratangira gusaza ,yagendeye mukigare cy'insoresore yemeza ibintu bipfuye;kuko we yahamije ko aba basore babwirizaga nkuko ijuru rishaka nkuko tuza kubibona imbere.

**Umuhunguwe WILLY WHITE yafasha ba waggoner, Nawe yareberwaga murwego rwagisore;kuburyo apfa kwemera ibyo atumva.**

**GUKIRANUKA KWA KRISTO IMINEAPOLI**

**1.IJWI RIRENGA**

Igihe cyarageze maze iyo nama yamaze hafi ukwezi kose(guhera tariki ya 10/10/1888 kugeza tariki ya04/11/1888) iratangira. Uwari ahagarariye president wa G.c ;war'urwaye muri iyo minsi, MORRISON, ATANGIZA INAMA; igihe kiragera Waggoner ahabwa ijambo ngo avuge ibyo yigishaga.Uyu musore mubwitonzi bwinshi;atangira avuga ibyo bigisha.Dore amwe mumasomo ya Bibiliya yatangije: YER23:6,HEb3:1,12:2,EF3:8,1KOR2:2,IBYAK4:12YOH14:6, 3:14-15 KOL2:3.1KOR1:24;30…Mukuvuga ibyo bigisha yabigabanijemo  ingingo13 zikurikira:
1.Ese kristo twamufata gute.

2.Kristo ni Imana?
3.Ese kristo yararemwe
4.kristo nkumuremyi
5.Imana yiyerekanye mumubiri
6.Ibishushanyo byingenzi yakoresheje.
7.Yesu we watanze amategeko
8.Gukiranuka kw'Imana
9.umwami we gukiranuka kwacu
10.Kwemerwa n'Imana
11.kwizera gutsinda
12.Abagaragu kandibafiteumudendezo
13.Ibishunyobyingenzi bivuga uko twabatuwe mububata.

Waggoner yasobanuye izi ngingo muburyo burambuye kandi akoresheje Bibiliya;kuburyo abari baje munama batangiye kumugarukira aho ku mwamagana nkuko byari byitezwe;kuburyo umuyobozi w'inama yashatse guhagarika inama ngo kugeza igihe Umuyobozi wa G.C Butler azaza akayiyoborera.

**Ellen G.WHITE yahise ahaguruka aravug'ati: Bene data ;uyu murimo n'uwumwami.Umurimo we ukeneye gutegereza pasitoro Butler? Umwami arashakako umurimo ujya mbere nta muntu numwe ukwiye**

gutegerezwa(R.T.Nash,Eveywitness report,p6.).Kuko yari Umuhanuzikazi basanze bemera ntawahangaye kugira icyo yongeraho;ubwo waggoner yahise akomeza kuvuga yesu mu ijwi rirenga; maze abantu benshi batangira kuryoherwa n'ibyo bumvaga; Ellen g. white we yatangiye kuvaga ngo: amena,amena…akabisubiramo kenshi;kuburyo yavuz'ati buri gatsi kose ko mumubiri we kiyamiraga kavuga ngo amena;kandi ngo nibwo yumva mukanwa k'umwana w'umuntu hava amagambo nkayo;kubwe ngo ijuru ryari ryasuye G.C muna y'imineapolisi,ariko risanga batiteguye.Turabona imbere imvugoze mubitabo bitandukanye.

Waggoner hamwe na jones bakomeje gusimburana bavuga icyo Imana yari yabatumye ku itorero.Dore imirongo buri wese yasomye

agaragaza ibyo bigishaga:

| | |
|---|---|
| *Waggonner* | *jones* |
| *1.Jer23:5-7* | *1.Ef2:4-8* |
| *2.Gal2:16* | *2.Rom11:1-33,2:13-29* |
| *3.Rom1:1:14-17* | *3.Rom11:1-33,4:1-11* |
| *4.Gal 3,2;5:16* | *4.1yoh5:1-4* |
| *5 Rom.5;8:14-39.* | *5.Rom1:15-17,* |
| | *6.Rom3.* |

*Bagerageje gusobanura gukiranuka kwa kristo imana iboneramo inyoko muntu;kuburyo iby'umuntu byose bikwiye gutabwa kure! Mugusobanura umwanya w'amategeko y'Imana;ubuyobozi bwari bufitiye impungenge ko ariho ateshwa agaciro; woggoner yasomye amasomo akurira :zab51;53;Rom3:9-19,:10;yoh2:25,zab119:142;Yes3;10,26:1,2, mika7;18-19,Luk18:9-14...akomeza asobanura muri aya magambo:*
*Gukomeza amategeko yera muburyo bwuzuye bishoboka kumukiranutsi;nyamara abantu utavannye mo numwe bakoze ibyaha ntibashikira ubwiza bw'Imana;ntawukiranuka*

*n'umwe!Asobanura muburyo bweruye ati:*

*UMUNTU NTI YAKORA IBYIZA KERETSE ABANJE AKABA MWIZA.IBIKORWA BYE BiGUMYA GUSA KONGERA KUBUNYABYAHA BWE...AGOMBA KUBANZA AKABA MWIZA,AKABONA GUKORA IBYIZA ASABWA;*

*KANDI ASHAKA GUKORA.(Mouvement of destinyp.205).Yakomeje avagako amategeko nta gukiranuka afitiye umunyabyaha;icyakora nta numwe wa kwinjira mwiju adafite gukiranuka amategeko asaba,gute?none birashoboka? Yarasubije ngo yego rwose birashoboka kuko :KRISTO ARIWE GUKIRANUKA KWACU!!!*

*Nyuma yo gusobanura* birambuye *icyo amategeko aricyo ;noneho yageze kungingo ya 9;aho yasobanuye uburyo kristo ari ugukiranuka kwacu doreko iyo ariyo yari intero y'icyo bavugaga(1kor1:30;yer23:6;Rom5:17-18).Yasobanuye uburyo Gutsindishirizwa ari ukubarwaho ubutungane ;kandi ubwo utunganye ari ummwe ;abantu babasha gutungana bari muriwe nkuko Imana yababumbiye muriwe.ubwo butungane bukaba bukurikije Amategeko yera*

*y'Imana.waggoner yahise yaturako nta kwivuguruza kuri hagati y'ububuryo bwo gutungana n'amategeko y'Imana. Yaravuze ati: GUKIRANUKA TUBARWAHO BINYUZE MU KWIZERA KRISTO;NIKO GUKIRANUKA AMATEGEKO ASABA( M.D P.206),YONGERAHO KO Imana inyurwa n'uku gukiranuka muburyo bwuzuye.*

## *2.incamake y'ibyabereye imineapolisi*

*1.Imana yahagurukije abasore ba 2;abo Ellen white avuga ko zari intumwa z'ijuru zahishuriwe icyo ubutumwa bwa marayika wa gatatu aricyo; maze zitumwa kubuyobozi bwa G.C,yongerahoko ubutumwa baribatwaye bwari bwiza,bwiza cyane.(Ibihamya kubagabura p.91,97,1896)*

*2.Jones na Waggoner bigishije gukiranuka kwa Yesu;doreko Ellen White we yavuzeko;ryari itangiriro ryo gusukwa kw'imvura y'itumba;rikaba n'ijwi rirenga ryo Mubyah18:1-4*
*Munama Ellen white yashigikiye ubutumwa bigishaga;na nyuma yahamije ibyo muburyo*

*bufite ingufu.IBI BIHAMWYA N'AMA VOL.4 AGIZE IGITABO YANDITSE ASHIGIKIRA IBYAVUGIWE IMINEAPOLISI( Cyitwa The E.G White1888 Materials)*

*3.Ellen white avugako bigishaga neza; kuburyo bari bakwiye guhabwa inzandiko z'ijjuru.(Review and herald,18/3,27/05/1890),yongeraho ati ibi ntibivuze ko bari abatagatifu batagira agakosa;ahubwo ingaruka z'icyo bavugaga zari nzima(ubutumwa bwa toranijwe vol3p.174)*

*4.Ellen white yavuzeko muri rusange ibyavugiwe imineaposi Byanzwe.Ahibereye; yahamijeko umwuka w'abapasitoro bari bahari kwari ukwanga ubwo butumwa bwiza,(Ibaruwa. B21,1888),*
*YONGERAHO ATI: Bene data babereyeho kubuza Umwuka Wera kugera kubwoko bw'Imana(M.S9,1888.86).*
*YONGEYE KU VUG'ATI:KURWANYA,AHO GUKURIRANA IBIRIMO BIVUGWA NIBYO BARI BASHIZE KUMURONGO W'IBYIGWA(M.S15,1888).Umusore umwe wari muri iyo nama yaravuze ati: Igihe kristo*

*yashirwaga hejuru nk'amizero y'itorero n'inyoko muntu yose,ababwiriza barwanijwe Cyane n'abapasitoro bakuze,bagerageje guhagarika uwo mucyo(R.T Nash,agewitness report of the1888 G.C).*

*5.Imana yakinguye ijuru yohereza imigisha abantu barayanga.Abavuga butumwa ,abapasitoro n'abayobozi ;bashize bariyeri hagati kuburyo imigezi y'agakiza yayobejwe(letter 04a,18907. 752-753);Ellen white aronger'ati:Umwuka wera yaratutswe (M.S30,1889.360)*

*6.Gutsimbarara kucyavugwaga kwa Ellen g.white kwari gufite ingufu kuburyo bya koze kubuyobozi bwa G.C, Birababababaza cyane kuburyo umuyobozi Wa G.C Yamwandikiye amubwirako ubuyobozi butishimiye inyifatoye(letter u3,1889)*

*Nyuma yuko inama irangiye ;abantu bamwe bamenye ko ibyo ba Waggoner bavuga ari ukuri kw'ishobora byose;ariko ntibahangare kubyatura kuko abakuru batabyumvaga;kandi babibonaga nko kurwanya itorero ryasigaye.Nyuma y'iyo*

*nama aho Ellen white yajyaga hose mumateraniro makuru;mumyigishirize ye yose yigishaga KRISTO GUKIRANUKA KWACU! Yahamijeko mumyaka 45 yaramaze yahoraga aribyo ashaka kwigisha;ariko nti bya mushobokeraga kuko nawe yari atarumva Ubutumwa bwo gutsindishirizwa n'ubuntu binyuze  mukwizera, ibyo yabyivugi ye mu gitabo cye yanditse nyuma y'iriya nama ngo yahoraga yerekwa gusindishirizwa kenshi cyane ariko ntiyumve icyo marayika arimo amubwira...( Faith and Works p.18 )*

*7.kuko ellen white yakomeje guhatira ubuyobozi nanyuma y'inama kwemera ubutumwa bwiza,byatumye abenshi mubayobozi b'itorero batangira kwemerako banze ubutumwa batumweho!Benshi batangiye gusaba Imbabazi barira ndetse na Uriah smith;wari ahagarariye icapiro hamwe na BUTLER umuyobozi wa G.C,Bo bari bahatiye abandi kwanga ibyo Ellen white na ba Waggoner bari bigishije;baciye bugufi basaba imbabazi kubw'ikosa bemeraga ko bakoze.*

*8.Bavuzeko bihannye Ellen white*

*yarishimye,icyakora  bidatinze barongeye bisubiraho batangira kurwanya ubutumwa bwa vugiwe imineapolisi;Ellen white yarababaye cyane maze aravugango umutimawe ugeze kububabare bwo yahejuru.Yabajwe cyane n'uko Peresida mushya wa G.C Wari uherutse gutorwa(=OLSEN) yabanje gushigikira ubutumwa bwiza mu myaka8 gusa nyuma yaho nawe agakora ibyo uwa mubanjirije BUTLER YAKOZE;Yanze ubumwa ndetse abitera no mubandi,yongeyeho ko yakoze nk'ibyo ARONI yakoze igihe yaremeraga abisiraheri ikigirwamana ngo bakiramye(letter to A.O 27.08.1896.1608).Ellen white yavuze ababaye ngo kuva 1888,abo bayobozi ntibigeze babona ntibazigera banabona(letter77,1893.1122-1125)*

*9.Mu 18891,Ellen white muburyo bwo ku mwikiza ;yoherejwe muri Australie;naho waggoner we yoherezwa mubwongereza,kubw'ibi bumvaga ko ibyo bigishaga noneho babiruhutse;icyakora bigeze mu cya 1896 yandikira umuyobozi wa G.C ababaye cyane ati: IMANA NTI YARI ISHIGIKIYEKO TUVA MURI*

*AMARIKA;YANYERETSE KO BITARI UMUGAMBI WAYO KO MVA I BATTLE CREEK;ICYAKORA YARABARETSE MUKORA MUBUJIJI BWANYU;KUV'AHO KWACU KWARI UKUREKA ABANTU NGO BAKORE IBIHUYE N'IMYUMVIRE YAKIMUNNTU,KUGENDA KWACU BYANEJEJE BENSHI ARIKO IMANA YARABABAYE KUKO YARI YADUSHIZE KU MUTIMA W'UMURIMO (LETTER127,1896.1622-1624)*

*10.IKIBAZO BENSHI BIBAZA:Niba ibyo bariya basore bigishaga bwari ubutumwa bw'ukuri kuki bariya basore bageze aho bakagwa?Ibyiza n'uko twa kumva icyo ellen G. white abivugaho: NTAKINYOMA NAGITO CYARI MU MUBUTUMWA BWO 1888…KUKO BIBILIYA NI UKURI;ICYAHA CYABO BASORE CYA SHIMISHA SATANI N'ABANZI BUBUTUMWA BWIZA B'ICYO GIHE;ARIKO UBUTUMWA BWO BUGOMBA KUNESHA!(LETTER 019b,1892.1022-1025)Ellen g white yakomeje avuga impamvu bariya basore bacitse intege , ati:*
*gusubir'inyuma kwabo byatewe n'ikosa ry'torero mukwanga ibyo batubwiraga;kandi gusubira inyuma kwabo ntibivuzeko ibyo bavugaga bitari*

*ubutumwa bwiza( letter s24;1892.1042-1045, G.C BULLETIN1893,P419421.1127) Yarakomeje;aravug'ati:Imana yampishuriyeko umwuka wo guhangana wagaragaye imineapolisi umeze nkuwaruyoboye abarenganije KRISTO…YAKOMEJE AVUG'ATI:maritini luteri yari afite umurimo woroshye muguhangana n'ubupapa ugereranije n'ukurenganywa bariya basore bagiriwe… Aba basore bari bazi nezako abadivantisite bahagurukijwe ngo bavuge ibyo bigishaga. Byarabarengaga ntibumve uburyo bakwangwa bigeze aho kubw'ubutumwa bw'ubuntu bw'Imana busaze!!!Bararwanijwe kuburyo umutima w'umuntu utakwihanganira ubwo bugome, JONES yabuze amahoro neza arahungabana kimwe na waggoner(letter104,1911.) Ubundi kubwo guhangana igihe ,ababasore bahisemo kuva muby'idini babana n'Imana yabo kugiti cyabo, ibi nibyo abadivantisite bise kugwa ngo bavuye ku Mana;icyakora ibyo biva kuri yamyumvire yacu ipfuye yo kwibwira ngo abantu bagomba kubanza kuba abadivantisite BAKABONA KWEMERWA N'IMANA, ngo utaruhutse ku*


*isabato nti wakwinjira ijuru. Ibi sibyo;kuko itorero ry'Imana ntaho rihuriye n'amadini y'iki gihe.Nimuri  ubwo buryo umuganga wavuraga Waggoner yahamijeko yapfuye akivuga ngo: GUKIRANUKA KWA KRISTO NIKO ATEZEHO BYOSE...*

*3.ESE UBUTUMWA BW'IMINEAPOLISI BWAREMEWECYANGWA BWARANZWE?*

Umuyobozi umwe yaravuze ngo nta gishinja bafite nk'itorero ko banze ubutumwa bwa 1888YABIVUZE MU;AGAMBO ARI HEPFO

NKUKO BIGARAGARA .





hile reading the four-volume *Ellen G. White 1888 Materials*, I noticed a sharp contrast between Ellen White's theology regarding 1888 and the so-called 1888 message. Almost nothing in this compilation (or, in fact, in any of her writing) expresses what some claim Jones and Waggoner had taught at the 1888 General Conference session. Because Ellen White claimed that she had been teaching for "forty-five years" (*Manuscript Releases*, vol. 1, p. 142) the same message as Jones and Waggoner presented at that session, the absence of "1888 message" theology in her writings reveals that whatever was preached in 1888, it wasn't the "1888 message."

Those promoting this specific message claim that the entire world, every human being, had been legally justified at the cross. Even before we profess faith in Christ (even before we ever heard of Him) our sins were legally forgiven before God. Before we claim justification, we are legally justified; before we claim salvation, we are legally saved. Faith doesn't change our status; it simply acknowledges what that status had always been. Then, as a result of acknowledging what Christ has done for us, we follow the Lord in faith and obedience. This personal acknowledgment leads to what seems to be a "second justification" (what they call "justification by faith"). As long as we do not reject what Christ has done for us, we remain saved. In this view, in fact, it's easy to be saved and hard to be lost.

the 1888 message claim to be teaching what Jones and Waggoner had preached in 1888. Yet Ellen White doesn't teach the 1888 message. What conclusion can one draw, therefore, other than that the 1888 message (so called) isn't the message given in 1888?

Thus, as a church, whatever our faults, we're not guilty today of rejecting the gospel simply because we reject what some call the 1888 message.

On the contrary, it's hard to see how that message could be the gospel, at least as the prophet understood it.

## Abeshi mubayobozi b’itorero kuva icyo gihe inarijye ntiyemerako YESU yanzwe munama

y'imineapolisi n'ababyemeye bagerageza kubifungura; bakerekanako ubuyobozi bwirindaga ibyakwangiza itorero;ariko ngo ntibigeze banga ubutumwa bwa vugiwe Imineapolisi,abagerageza kubihuza navugamo professeur Froom mugitabo yanditse cyitwa: the mouvement of destiny.
Abandi banditsi baba Diventisite banditse igitabo cyitwa: 1888 RE-EXAMINE bagerageza kuvuga ibyabaye ntacyo basize;kimwe n'undi mwanditsi witwa Weiland wanditse:la grace mise a l'epreuve.N'ingenziko tuvuga ibi nkuko byagenze kuko kutabimenya kwacu bibasha gutuma twongera kubigwamo!Uwitwa George SANTAYANA yaranditse ati:Abadivantisite nibatamenya ibyababayeho bazabisubiramo.ubundi twaratsinzwe, ndetse bikojeje isoni,uwitwa weiland yaravuz'ati: mu mateka yacu imineapolisi twaratsinzwe;ariko urugamba rurakomeje;gutsinda bira cyashoboka(Nous avons sans aucun doute perdu une bataille avec notre experience de1888,mais pas la guerre.).Ubundi ubutumwa bwiza buhabanye n'imyumvire y'umuntu, kandi busuzugura icyubahiro cy'umuntu kubwemera

**rero bisaba kuneshwa na Mwuka were.Ellen White yarandits'ati:**
**Gutsindishirizwa n'ubuntu kubwo kwizera n'umurimo w'Imana ugendereye gufata icyubahiro cy'umuntu cyose kigatabwa hasi mumukungungu,maze ikamukorera icyo atabasha kwikorera(Testimonies to Ministors p.456). ubundi impavu ubutumwa bwiza bwangwa s'uko buba bwabaye bubi,doreko ubirebye bwangirwa ubusa:**

♣ Abayuda ntibemeye Yesu kugeza n'aho bamubamba iriko ntabwo bigeze bemera ko bamwanze;icyakora ushakishije n'impamvu bamwanze ntayo ubona,kuko ntiyagiraga nabi, ntiyatukanaga,ahubwo yirirwaga abakiza ubumuga butandukanye,abahumuriza,yigisha agakiza ,ariko baramwanzepe!Kugeza n'igihe azutse;bakagurira abantu ngo babeshye ko atigeze azuka!!! Mbega umuntu ngw' aragora! Ubu nibwo buryo inarijye ikoramo; ni nabwo buryo manu yo mu1888 yanzwe.
♣ *Abisirayeli banze manu mubutayu ngo barashaka inyama n'udutungurusumu, n'amadegede. Uwabyumva yagirango ubwo*

*byatewe n’uko manu yari yatangiye kubiha,oya; ahubw’ uwo mugati waturutse kuri Nyagasani wararyohaga ndetse uko wawuryaga uburyohe bwagendaga bwiyongera(p.p.p536),erega manu yashushanyaga agakiza uko tugenda tumenya ibyako amahoro agenda yiyongera ;none manu yari kubiha gute?Ushobora kwihenda ngo ubwo yari indyo imwe intungabuzima zarinke kuburyo basabye inyama ngo batarwara bwaki;oya;ubirebye, Imana wagirango igabura nabi ariko sibyo igaburo ryayo riba ririmo intunga buzima zose;ibi bivuzeko iyo igabuye yesu wenyine aba ahagije ngo byose bibe bibonywe.abatazi agaciro Yesu afitte nibobahangara gutera induru ngo barambiwe MANU aribyo bivuze kurambirwa YESU.Gusaba inyama babonaga bibagoye;aho kwemera manu baboneye ubuntu n’igihamya cyuko kamere muntu icyo iri cyo ari ukwanga Imana n’ibyayo cg ihabanye n’Imana .inyama basabaga zishushanya gu kiranuka abantu bihangira ,bakanga ukwa Kristo;bene uko gukiranuka IMANA irakwanga kuburyo iyo umuntu ariko asabye;Imana atamuha ikindi kitari manu;iyo yabahaga inyama;zikabagwa nabi; bwari uburyo*

*bwo kubahishurira ko manu yonyine ariyo bagomba kurya ngo babeho;cg se bivuzeko yesu ariwe mizero y'umunyabyaha gusa. Tutarengeye amakosa rero ;ubutumwa bwo Gutsindishirizwa binyuze mucyo Kristo aricyo kunyoko muntu cyonyine ,bwaranzwe aho imineapolisi.Ellen white,Froom na Jones  bavuze ko  nta wavoteye gukiranuka kwa kristo .Banze kuvuga AMENA kubyo bari bazi ko ari ukuri(JONES Letter,may12,1921);babyangira inarijye gusa,erega ntacyo wakwitwaza wanga ubutumwa bwiza usibye ubusa.Ureb'uburyo iyo ubuze icyo gutuka inka uvuga ngo dore icyo gicebe cyayo; UMWE MUBARI MU NAMA YAGIYE HANZE ;KUKO WAGGONER YARI MUGUFI ARAVUGA NGO:*
*NTITURI KUKUREBA*
*(wesphal letter,august28.1930),NKO KUVUGA NGO WAKAGABO KAGUFI WE VUGA  UVUYE AHO,CYANGWA BA MUREMURE UBONE KUVUGA IJAMBO MU BAGABO,ibyo babikoreye kugirango bamukomeretse kandi nikoko byaramubabaje ;ariko Imana ishimwe ntiyataye umurongo yakomeje kuvuga YESU(MOUVEMENT OF DESTINY P254).*

Guhera Adamu yacumura, kugeza ku nama yi Mineapolissi ndetse no kugeza igihe Kristo azagarukira, icyo Imana ishaka ni uko gukiranuka kwa Kristo kwuvugwa mumwimerere wako kuko ariko umunyabyaha yemererwamo gusa.